Kinya Rwanda

# Uko Wahana amakuru n'Umwarimu w'Umwana Wawe n'Ishuri

Amabwiriza ku Miryango Mishya

Abana bagira intsinzi nyinshi ku ishuri iyo ababyeyi/ababarezi/umuryango n'abarimu baganira kandi bagahuza amakuru hagati yabo.

Uku guhana amakuru bishobora gukorwa mu nyandiko, ku murongo wa telefoni, kuri imeyili, cyangwa mu buryo bw'imbonankubone.

Iyo muganira n'umwarimu w'umwana wanyu, mufasha umwarimu kumenya byinshi ku mwana wanyu. Umwarimu kandi ashobora no kugufasha kumva uko umwana wanyu yitwara ku ishuri.

Iyi nyandiko izakubwira byinshi ku buryo umwarimu w'umwana wawe n'ishuri bazajya baguha amakuru kandi n'uko nawe uzajya ubaha amakuru.

## Niba umwana wawe yiga mu mashuri y'incuke

Umwarimu wita ku bana bato (The early childhood educator,ECE) azakumenyesha kuri telefoni cyangwa imeyili kugira ngo akumenyeshe ndetse aguhe amakuru ye y'itumanaho (imeyili na nimero ya telefoni). Bazanagusaba kandi uburyo wifuza ko bakumenyesha cyangwa bakuvugisha. Ushobora guhitamo ko baguhamagara cyangwa bakohereza imeyili. Ushobora no kubabwira niba ukeneye umusemuzi.

## Niba umwana wawe ari mu mashuri abanza kugeza mu ayisumbuye icyiciro cya12

Iyo ishuri cyangwa umwarimu afite amakuru akureba, akenshi bazayakohereza mu nyandiko.

Ushobora kwakira urupapuro rw'amakuru, ibaruwa, cyangwa izindi nyandiko (nk'inyandiko zisabwa, impapuro z'uruhushya, n'ibindi). Amakuru ashobora no koherezwa kuri imeyili cyangwa gushyirwa ku rubuga rw'ishuri.

Aya makuru ashobora kuba itangazo rusange, amakuru yerekeye igikorwa cy'ishuri, cyangwa inyandiko igusaba uruhushya rwo kuyisinyaho, nko ku mpapuro zemerera umwana wawe kujya mu rugendo shuri.

Dore uburyo bumwe ushobora gukoresha kugira ngo hatazagira amakuru agucika aturuka ku ishuri:

- Ibutsa umwana wawe kuguha amakuru ayariyo yose ishuri rikoherereza mu rugo.
- Reba mu gikapu cy'umwana wawe kugira ngo urebe ibaruwa cyangwa andi matangazo aturuka ku ishuri.
- Shyiraho ahantu mu rugo haharíwe inyandiko z'ishuri. Bwira umwana wawe gushyira inyandiko z'ishuri aho hantu.
- Reba kuri konti yawe ya imeyili niba hari ubutumwa bwaturutse ku ishuri.
- Reba ku mbuga z'ishuri ko hari amakuru mashya
- Saba ishuri kuguhamagara cyangwa kukohereza imeyili igihe bafite amakuru akureba.

## Niba ukeneye ubufasha

Ushobora guhamagara cyangwa kohereza imeyilil umwe muri aba bakurikira:

- umwarimu w'umwana wawe cyangwa umwarimu wita ku bana bato (The early childhood educator, ECE)
- umuyobozi w'ababyeyi
- Umwarimu wigisha Igifaransa cyangwa Icyongereza nk'ururimi rw'inyongera
- umujyanama w'ishurischool
- ibiro by'ishuri
- Abakozi ba SchoolsPlus
- YMCA umuryango mpuzamahanga utanga serivisi z'imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage cyangwa YREACH gahunda ifasha urubyiruko n'imiryango mishya kwiyubaka no kwinjira mu buzima bwa sosiyete muri Nova Scotia
- Abakozi ba Immigration Francophone itanga serivisi ku bimukira bavuga igifaransa.

## Niba ushaka kuvugisha ishuri cyangwa umwarimu/Umwarimu w'abana bato

Hari igihe ushobora kugira amakuru ugomba gusangiza ishuri ry'umwana wawe cyangwa umwarimu/ Umwarimu w'abana bato. Cyangwa ushobora kugira ikibazo ushaka kubabaza. Dore uburyo ushobora kubigenza:

- Hamagara ishuri cyangwa umwarimu/ Umwarimu w'abana bato. Niba ugomba kohereza ubutumwa bugufi, menya neza kuvuga izina ryawe ryuzuye, nimero ya telefoni yawe, izina ryuzuye ry'umwana wawe, n'igihe cyiza cyo kuguhamagara.
- Ohereza imeyili ku ishuri cyangwa ku mwarimu/ Umwarimu w'abana bato. Menya neza ko wanditse izina ryawe ryuzuye n'izina ryuzuye ry'umwana wawe.

## Niba ukeneye ubufasha mu kuvugana n'ishuri cyangwa umwarimu/Umwarimu w'abana bato

- Saba umusemuzi.
- Saba ubufasha abakozi ba YMCA umuryango mpuzamahanga utanga serivisi z'imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage/ YREACH gifite gahunda ifasha urubyiruko n'imiryango mishya kwiyubaka no kwinjira mu buzima bwa sosiyete muri Nova Scotia cyangwa abakozi b'ikigo Immigration Francophone gitanga serivisi ku bimukira bavuga igifaransa

## Inama rusange

Amashuri menshi yo mu cyiciro cy'incuke n'amashuri abanza ategura igikorwa rusange kigenewe ababyeyi n'abarera abana mu ntangiriro z'umwaka w'amashuri, cyangwa mu itangira ry'igihembwe gishya mu mashuri yisumbuye. Ishuri rishobora kwita iki gikorwa "ijoro ryo gusobanura integanyanyigisho," "ijoro ryo guhura n'umwarimu," cyangwa "umunsi wo gufungura inzu."

Muri ibi bikorwa, ushobora guhura n'abantu bakorera ishuri, nk'Umwarimu wita ku bana bato cyangwa umwarimu w'umwana wawe, ubuyobozi bw'ishuri, n'abandi. Ushobora kandi kwiga ku bijyanye na porogaramu y'ishuri ry'umwana wawe, kuzenguruka ishuri, no kumenya byinshi ku bikorwa bikorwa mu ishuri mu gihe cy'umunsi wo kwiga.

Niba ukeneye kuvugana n'umwarimu w'umwana wawe cyangwa Umwarimu wita ku bana bato ku bijyanye n'uko umwana wawe yitwara cyangwa atera imbere ku ishuri, cyangwa ku bibazo ufite, ohereza imeyili cyangwa uhamagare umwarimu/ Umwarimu wita ku bana bato kugira ngo muhane gahunda yo guhura.

## Inama hamwe n'Umwarimu wita ku bana bato cyangwa umwarimunama

Niba umwana wawe ari mu cyiciro cy'incuke, Umwarimu wita ku bana bato azagufasha gufata gahunda yo kuganira ku buryo umwana wawe yiga n'uko atera imbere. Iyi nama ishobora kuba kuri telefoni, binyuze kuri imeyili, cyangwa mu nama yo kuri murandasi.

Niba umwana wawe ari mu mashuri abanza kugeza mu ayisumbuye icyiciro cya12, uzatumirwa mu nama y'ababyeyi n'abarimu binyuze kuri telefoni, mu nama yo kuri murandasi, cyangwa imbonankubone. Izi nama ziba kabiri mu mwaka. Amatariki yabyo ushobora kuyasanga ku ngengabihe y'ishuri. Amakuru, harimo n'uko wafata gahunda yo guhura, azanoherezwa mu rugo binyuze ku mwana wawe cyangwa kuri imeyili yawe.

Izi nama ziguha amahirwe yo kuganira n'umwarimu w'umwana wawe. Ushobora kuganira ku iterambere ry'umwana wawe ku ishuri, indangamanota y'umwana wawe, ndetse n'ibibazo wowe cyangwa umwarimu mushobora kuba mufite ku bijyanye n'uko umwana wawe yitwara, hamwe n'ubufasha umwana wawe ashobora gukenera.

### Uko utegura inama y'ababyeyi n'abarimuu

- Vugana n'umwana wawe mbere y'inama kugira ngo umenye ibyo umwana akunda ku ishuri n'ibyo abona bikigorana.
- Tekereza ku bibazo, impungenge, cyangwa amakuru wifuza kubaza umwarimu, hanyuma ubyandike kugira ngo utazabyibagirwa.
- Ushobora no gusaba umusemuzi niba utavuga Icyongereza cyangwa Igifaransa. Saba ubufasha abakozi ba YMCA umuryango mpuzamahanga utanga serivisi z'imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage/ YREACH gifite gahunda ifasha urubyiruko n'imiryango mishya kwiyubaka no kwinjira mu buzima bwa sosiyete muri Nova Scotia cyangwa abakozi b'ikigo Immigration Francophone gitanga serivisi ku bimukira bavuga igifaransa. Ishuri rishobora no kugira umuntu mu bakozi bavuga ururimi rwawe. Saba ishuri mbere y'igihe kugira ngo bagufashe muri ubu buryo. Ushobora kandi kujyana n'umwana wawe.
- Gera ku ishuri iminota 5 mbere y'uko inama itangira.
- Vugana n'umwana wawe nyuma y'inama. Mubwire ibyiza mwaganiriyeho wowe n'umwarimu, ndetse n'impungenge mwagize. Sobanurira umwana gahunda mwafashe n'umwarimu zo gukemura izo mpungenge.
- Nyuma y'inama, jya ukomeza kuganira n'umwarimu w'umwana wawe, n'igihe ibintu bigenda neza.

**Dore bimwe mu bibazo ushobora kubaza umwarimu w’umwana wawe**:

- Umwana wanjye ari kwitwara ate ku ishuri?
- Umwana wanjye ari gutera imbere ate mu (vuga isomo)?
- Umwana wanjye ahabwa ubufasha bwisumbuye mu isomo iryariryo ryose?
- Ni ubuhe bwoko bw’ubufasha umwana wanjye ahabwa?
- Nigute nshobora gufasha umwana wanjye mu rugo?
- Umwana wanjye yitwara ate mu mibanire ye n’abandi banyeshuri?

## Urubuga rwa PowerSchool rw’abanyeshuri n’ababyeyi

PowerSchool ni sisitemu y’amakuru y’abanyeshuri icunga amakuru y’abanyeshuri nk’umubare wabo,uko bitabira ishuri, imyitwarire y’abanyeshuri, ibyo bagezeho, n’amasaha y’amasomo mu buryo bw’ikoranabuhanga. Abanyeshuri ndetse n’ababyeyi/abarezi bose, bashobora kubona amakuru binyuze mu kwinjira ku rubuga rwa PowerSchool rw’abanyeshuri n’ababyeyi. Saba ubuyobozi bw’ishuri ryawe kugira ngo baguhe izina ryo kwinjira n’ijambo ryibanga.

Urubuga rwa PowerSchool rw’abanyeshuri n’ababyeyi ruzaguha amakuru y’umwana mu gihe nyacyo ku bijyanye na:

- ubwitabire
- amanota
- imikoro
- ibitekerezo by’umwarimu
- amatangazo y’ishuri

Ushobora kubona amakuru menshi muri gahunda y’“Abanyeshuri & Ababyeyi” ku rubuga rwacu: [Students & Parents | Education and Early Childhood Development (ednet.ns.ca)](ednet.ns.ca).

## Amakuru yawe abikwa mu ibanga

Mwarimu/ Mwarimu w’abana bato w’umwana wanyu ntazasangiza amakuru yerekeye ubunararibonye bw’umwana wanyu, imirimo yo ku ishuri, cyangwa uko umuryango wanyu umeze ku yindi miryango cyangwa abanyamuryango b’aho mutuye. Mwarimu ashobora kugisha inama abandi bakozi b’ishuri kugira ngo umwana wanyu abone ubufasha bwiza bushoboka. Ibi nabyo bizaguma mu ibanga. Mwarimu azagusaba gusinya ku ifishi isaba uburenganzira niba bagomba kujya ku kindi kigo cyangwa gushaka serivisi hanze y’ishuri kugira ngo umwana wanyu abone ubufasha.

Nk’uko itegeko ribiteganya, abarimu bafite inshingano yo gutanga raporo ku bafatanyabikorwa b’umuryango, nko ku bapolisi, mu bihe bikurikira:

- niba umwana ari mu kaga ko gukomeretsa undi cyangwa bo ubwabo.
- niba mwarimu afite impungenge cyangwa amenye ko umwana akorerwa ihohoterwa cyangwa atitabwaho
- niba urukiko rusabye mwarimu gutanga raporo
- niba umwana asabye mwarimu gutanga raporo
- niba mwarimu asabwe gutanga raporo hakoreshejwe *Itegeko Rirengera Amakuru n’Ubuzima Bwite*

## Uburyo bwo kubona amakuru

Kugira ngo ubone andi makuru, vugana n'Ikigo cy'Akarere gishizwe Uburezi **(**Regional Centre for Education, RCE) cyangwa Conseil scolaire acadien provincial (CSAP)**.**

- **Annapolis Valley Regional Centre for Education** (AVRCE)
- **Cape Breton-Victoria Regional Centre for Education** (CBVRCE)
- **Chignecto-Central Regional Centre for Education** (CCRCE)
- **Conseil scolaire acadien provincial** (CSAP)
- **Halifax Regional Centre for Education** (HRCE)
- **South Shore Regional Centre for Education** (SSRCE)
- **Strait Regional Centre for Education** (SRCE)
- **Tri-County Regional Centre for Education** (TCRCE)
- **SchoolsPlus itanga serivisi n'ubufasha butandukanye kandi iboneka muri buri shuri ryo muri** Nova Scotia

Kubona ubufasha mu muryango w'aho utuye, hamagara:

- **YMCA School Settlement** – iboneka mu akarere k'umujyi wa Halifax Regional Municipality (HRM)
- **YREACH** – iboneka mu ntara yose(hanze ya HRM)
- **Immigration Francophone** – iboneka binyuze ku mukozi ushinzwe abanyeshuri n'imiryango y'abimukira